COMPUTER & LAPTOP

Iga gukora Mudasobwa yawe mugihe ifite ikibazo Fata amasomo kubuntu

Gukora computer Yawe yapfuye

Computer cyangwa mudasobwa yawe ni igikoresho nk'ibindi byose, nubwo abantu bagifataneza kurusha ibindi bikoresho baba batunze kuberako gihenda kandi kiba gikunze kuba kibitse amabanga yanyiracyo hari igihe cyangirika bitewe n' impamvu zitandukanye.
Computer yawe ishobora kwangirika bitewe no kwikubita hasi wenda igucitse ikagwa.
Umwana ashobora kuyangiza.
Nayo ubwayo ishobora kwangirika utazi icyabiteye; ikintu cyose cyakozwe n' abantu kigira igihe kiba kitari n'akirekire cyokwangirika cyo ubwacyo.

Kuba wazimya mashine yawe bwacya ukayatsa ikanga kwaka ntabwo ari ikibazo waba wagizemo uruhare.

Muri irisomo tuzajya tubagezaho uko ushobora gukora mudasobwa yawe mu bintu byoroheje cyangwa wakwicyemurira bimwe mu bibazo byibanze.

Aya masomo ntakuraho kuba wajya gukoresha igikoresho kubantu bakwegereye basanzwe bakora ibijyanye na mudasobwa.

Ushobora kutwohererereza igitekerezo cyawe ukurikije icyo ushakako ubutaha twazagufasha gusobanukirwa. Cyangwa ukatwohererereza inkuru ushakako abasomyi baya masomo basoma bakarushaho gutyaza ubwenge bwabo mubijyanye no gukora computer yabo mu gihe yagize ibibazo byoroheje.

Mu Rwanda mudasobwa zirikurushaho gutera imbere cyane kumuvuduko udasanzwe; Aha twavuga nkagahunda ya Leta yo guha abana biga mu mashuri makuru na yisumbuye computer hamwe na mashuri abanza. Aba bose siko baba bafite ubumenyi buhagije bwo kuba bakwikemurira bimwe mubibazo izo mudasobwa zishobora guhura nabyo.

Nyereka.com yabashyiriyeho gahunda yo kuzajya ibagezaho bimwe mu bisubizo by'ibibazo ufite kuri mudasobwa(computer) yawe.
Dusangize igitekerezo cyangwa udusigire ubutumwa bwawe n'abandi bamenye byinshi kuri iri koranabuhanga dufite mu Rwanda kandi turusheho kuribyaza umusaruro.

Ibyo wa menya kuri mudasobwa Yawe

Mbere y'uko utangira gukemura bimwe mubibazo bya mudasobwa yawe hari ibintu byibanze ugomba kubanza kumenya. Twagushishikariza kuzajya ukurikirana amasomo atangwa kuri mudasobwa kuri uru rubuga mukumba gafite umutwe uvuga ngo "Ubumenyi bwibanze kuri mudasobwa(basics of computer)". Kugirango umenye mudasobwa neza hamwe n'ibice biyigize ni cyo bikora, ibyo bizagufasha niba mudasobwa yawe yapfuye kumenya aho ikibazo giherereye.

Dore bimwe mubice by'ingenzi ugomba kumenya kuri mudasobwa:

1. Screen(Aho turebera ibintu byose(sikirine))

2. Umutima wa mudasobwa(CPU:control processor unit)

3. Keyboard(Icyo bifashisha bandika)

4. Ibyambu(Port)

5. Ububiko(Memory)



Hari byinshi bitandukanye ushaka kubimenya wajya hamwe twakubwiye cyangwa ugakanda aha:
Ibyo bice twavuze haruguru ni ibifatika, ariko hari n'ibindi ibiba muri mudasobwa yawe utafatisha intoki. Ibyo nabyo ugomba kumenya uko wabikoresha neza.
Aha twavuga Uko ububiko bwawe buba buciyemo ibyumba, Impamvu ari ibyingenzi kubucamo ibyumba?
Kugabanyamo ibyumba ububiko bwa mudasobwa yawe ni ingenzi cyane kuko bituma mudasobwa yawe ikora neza kandi iramutse igize ikibazo bikaba ngobwako ikurwamo Application ituma ikora, ntushobora kubura ibintu byawe mugihe bibitse mucyumba gitandukanye nicyo iyo application yawe ibitsemo. Hari uko bita ububiko bwawe; bakunze kubuha izina ry'inyuguti, urugero: F,C,D hamwe n'andi. Application ituma mudasobwa yawe ikora iba ibitse kuri C. ibyo bivuzeko byaba byiza ubitse ibintu byawe kuzindi zisigaye kugira ngo byibuze wizere umutekano wabyo.

Hari amoko abiri ya mudasobwa:
1. Desktop: Iyi ni imwe tubona ziba kumeza ntizishobora kugendanwa kubera ubunini bwazo kandi zikora ari uko zicometse kumuriro w'amashanyarazi.

2. Laptop: Iyi yo ni imwe mukunze kubona abantu bagendana mubikapu muntoki, zishobora gukora igihe runaka zidacometse kumuriro ariko nyuma yaho zigashyirwaho kugirango zongere zibike umuriro.

Dure ibyo ugomba kumenya mbere yo gufungura mudasobwa(computer) yawe:

1. Desktop: Banza urebe niba mudasobwa yawe icometse neza kandi niba ibikoresho byayo biyicometse neza (Aha twavuga CPU, Keyboard, mouse, speakers).
2. Niba mudasobwa yawe ntamwanda ifite
3. Niba aho ugiye kuyitereka hameze neza(ntamazi ahari) ntabintu byayangiza biri hafi aho.

Nyuma yo gucana imashini:
1. Menya niba yatse mu buryo bwari busanzwe
2. Ese haba hari ikibazo yagaragaje yaka cyngwa ikindi kintu utari usanzwe uzi yagaragaje irimo kwaka?
3. Ese table(screen: insakaza mashusho) yayo irigukora neza nkuko byari bisanzwe?
4. Ese keyboard yayo irakora neza?
5. Ese mouse(suri) irakora neza?
6. Ese application zawe zirakora neza?
7. Menya application uheruka gushiramo udafitiye license key(uburenganzira)
8. Ese ufite application z'ubwirinzi?
9. Reba niba mudasobwa yawe itatatse na virus(virusi).

Kuyifunga:
1. Menya niba mudasobwa yawe yazimye kandi niba ntakibazo igaragaje.

Ubutaha tuzababwira icyo wakora mugihe ubonye ikibazo.

Siga ubutumwa bwawe cyangwa icyo ushakako twakugezaho ubutaha.

COMPUTER & LAPTOP

Iga gukora Mudasobwa yawe mugihe ifite ikibazo

Fata amasomo kubuntu